# Edeni ya Satani

Jeffersonville, Indiana USA
29 Kanama 1965

1 Twubike imitwe. Mana dukunda, turagushimiye muri uyu mugoroba, ku bw'aya mahirwe akomeye duhawe yo kugaruka, mu Izina ry'Umwami Yesu, guhangara umwanzi wacu, umwanzi Wawe, ku rugerero, hamwe n'Ijambo, ngo tumwirukane mu bwoko Bwawe, kugira ngo babashe kubona, muri uyu mugoroba, Mwami, Umucyo w'Ubutumwa Bwiza. Ngusabye gusiga amaso yacu umuti, kugira ngo ahumukire Ukuri, twongere kuva hano, tuvuga mu mitima yacu tuti: "Mbega ngo imitima yacu iragurumanira imbere muri twe, ubwo Yatuganiririzaga mu nzira!" Kiza abarwayi n'abarushye. Ongera imbaraga abacitse intege. Komeza amaboko atentebutse. Duhugukire Ukuza k'Umwami Yesu, tubara ko kwegereje. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

Mushobora kwicara.

2 Ndagerageza kutabarambira muri uyu mugoroba, kuko nzi ko abenshi muri mwe baturutse imihanda yose y'igihugu, bazanywe… bazanywe n'amateraniro, cyangwa bakaba bagumishijwe hano na yo, bamwe muri mwe, kandi bagomba gutaha, wenda bari bugire urugendo rurerure bataha. Kandi ndabibashimiye. Mu gitondo cya none, nari nifuje kumva Mwene Data Neville abwiriza. Numvise abwiriza incuro nyinshi, nta gihe ntamwemeye. Ariko ubutumwa bw'iki gitondo mu by'ukuri bwaziye igihe, nzi ko nayobowe n'Uwiteka mbutega amatwi igitondo cya none. Mu by'ukuri ni byiza! Nsobanukiwe impamvu na mwe, mukunda kuza kumwumva. Kandi bizahora bibabera ingirakamaro, simbishidikanya, kumutega amatwi.

3 Hari abantu bake twashyikiranye none, ngerageza kwishyira kuri gahunda; muri iki gitondo n'iki gicamunsi. Ndacyafite imishyikirano myinshi, myinshi, myinshi yo gukora. Kandi nda-…

Ni Yetiro, ni ko nkeka, wabwiye Mose, igihe kimwe, yavuze ati: "Inshingano ikabije kukuremerera." Rero, dufite bene Data benshi hano, bashobora kwita ku bibazo byanyu. Kandi byose ni ibibazo bikwiye kwitwararikwa, n'ibibazo mu by'ukuri bikwiye kwitabwaho. Mbahitiyemo rero umushumba wacu, cyangwa mwene Data Mann, n'abandi bagaragu b'Imana b'ino, bizera bimwe na twe. Mushobora kujya kubareba. Bazababwira neza neza icyo gukora. Kuri bamwe, ni abana babo, ugushakana, cyangwa ibitagenda. Bariya bantu bashobora kugufasha kimwe - kimwe n'undi wese, kuko ari abagaragu ba Kristo. Mujye kubareba, kandi sinshidikanya ko ba-bazabafasha nk'uko muzaba mubikeneye. Sinshobora kwita kuri buri busabe. Hari bwinshi cyane, aho tujya hose. Ikirundo ni kinini, murabona. Kandi twifuzaga kubyitaho byose, gusa nta byo dushoboye. Ariko simpwema gusaba ngo Imana, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, ibakemurire ibyo byose.

4 Noneho, muri uyu mugoroba, turashaka gufata Ibyanditswe, gusoma imirongo mike y'Ibyanditswe ikuwe mu Itangiriro, igice cya 3, no kugaruka gato ku bintu bimwe twigeze kuvugaho; kandi tuzabona, twongeye kugenda, niba Umwami Yesu ashatse kugira icyo yongera ku byo twari dusanzwe tuzi. Nsabye-nsabye ko Abikora.

> *Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka yaremye. Ibaza uwo mugore iti "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti 'Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi'?"*
>
> *Uwo mugore arayisubiza ati "Imbuto z'Ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti 'Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.'"*
>
> *Iyo nzoka ibwira umugore, iti "Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi."*
>
> *Uwo mugore abonye yuko icyo giti gifite ibyokurya byiza, kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuriza kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo, arazirya. Amaso yabo bombi arahweza, bamenya yuko bambaye ubusa, badoda ibibabi by'imitini, biremeramo ibicocero.*

5 Uwiteka yongerere… Imigisha Ye ugusomwa kw'Ijambo Rye.

Noneho, nifuzaga kuvana aha umutwe w'ikibwiriza cyanjye cy'uyu mugoroba, ndi bwite Edeni ya Satani. Ni imvugo nto ifite imbaraga zihagije, iki, Edeni ya Satani. Ni nk'ibyo navugaga, kucyumweru ushize, ni ko ntekereza, ubwo nababwiriraga hano ku Kayunguruzo k'umuntu utekereza, no ku bikundwa n'umuntu wejejwe.

Rimwe na rimwe, hamwe n'izo mvugo nto zigonga, hari icyo tugeraho; zidutera kwiga, zigutera gusoma Ijambo. Kandi ni cyo nshakira iteraniro ryanjye ryose. "Umuntu ntazabeshwaho n'imitsima gusa, ah'ubwo n'Ijambo ryose rivuye mu kanwa k'Uwiteka." Rero, soma Ijambo, Ryige. Kandi uryigane amaso y'Imana, kugira ngo Rihe ubwenge bwawe gusobanukirwa, kumenya uburyo bwo kubaho muri iki gihe.

6 Noneho, kuza hano muri uyu mugoroba, ngo ngire icyo mbabwira, nti: "Mu by'ukuri, nashobora gukora

iki cyangwa kiriya…”

Nkunda kuvugana n'abantu, nakwifuje gutahana na buri wese muri mwe muri uyu mugoroba. Na-… Imana izi ko ari ukuri. Nifuzaga gutahana na buri wese muri mwe, no-no gusangira na mwe ifunguro rya mu gitondo ejo mu gitondo, no-no-no kujyana na mwe guhiga udukima ejo ku gicamunsi, murabona. Ni-nifuzaga kubikora, ariko nta-nta byo nshoboye. Kandi nifuzaga gutahana na mwe, byonyine kwicara no kuganira na mwe; kwicara ku rubaraza nyuma y'amateraniro, no gufata igihe cyo kuganira na mwe, ngo tuvugane ku mibereho myiza yanyu no ku Mana. Nifuzaga by'ukuri kubikora. Ku bagabo n'abagore bari hano; Imana izi ko nifuzaga kubikora, ariko nta byo nshoboye. Murabona, turateraganwe-turateraganwe cyane, kandi turi musi y'agahato.

7 Kandi-kandi muri iki gihe cy'agahato kangiza ubwonko turimo… Kandi na njye ubwanjye nkunze kumva ntaguwe neza. None nafashe icyemezo kidakuka, ikintu nk'icyo, “ngomba kubikora mu buryo budasubirwaho”, kandi ejo, ni kure cyane y'ibinshishikaje; hari icyaje kwitambika, icyakoze ibi na biriya. Kandi umuntu agira imvune zose zo mu isi ngo akomeze kuba muzima.

8 Ah'ubwo icyo nshaka gusohoza hejuru ya byose, ni ukubwiriza Itorero Ubutumwa Bwiza, no gukora ibyo nshoboye byose ngo mpeshe Yesu Kristo icyubahiro muri iki gihe, mu gihe ndi hano ku isi, no mu gihe nshigaje cyo kubaho mu isi. Nazanywe no-no kugerageza kugira icyo mbabwira kizabafasha; ikintu runaka. Natangiye kwiga, nyuma y'aho ntahiye muri iki gitondo. “Ni iki nashobora kuvuga, muri uyu mugoroba, Mwami, ngo mfashe aba bantu?”

Duteze amatwi ubu butumwa bw'imbaraga bw'iki gitondo ku… Mwene Data Neville yatuzaniye, kuri… Nasanze ari igitangaza mu by'ukuri, icyo yavuze, hariya ati: “Muganga ashobora kugusuzuma, ariko uzanye inshinge zuzuye isahane, ni we ugutera urushinge.” Rero, nasanze by'ukuri ari- ari uburyo buciriritse bwiza bwo kugaragaza icyo kintu. Nabitekerejeho, “serumu, nyuma y'isuzumwa”. Rero, ni ibintu byiza cyane, icyo kintu.

9 Nashakaga kugira icyo mbabwira, kugira icyo mbazanira cyabamurikira ku isezerano ry'Imana ry'iki gihe. Murabona? Ikintu runaka, kitari icyo runaka wundi yigeze kuba, mu kindi gihe, ah'ubwo mu kindi gihe, ah'ubwo ikintu runaka… kandi mu gihe… Biriya bintu ni byiza cyane; twese hari ubwo bitubaho kubivugaho. Ah'ubwo natekereje kugerageza, nitwaje imirongo mike y'Ibyanditswe nanditse hano, kugira icyo nguhugurira cyakumurikira, cyakumenyesha, cyakugira umusirikare urushijeho kugira indangagaciro, ku rugerero aho urwanira none aha; kugira ngo umenye amayeri y'umwanzi, kugira ngo ubashe kwikingira mbere y'uko hagira ikikugeraho, murabona. Ibyo ni byo by'ingenzi, ni ukwiga kwirinda ibipfunsi uko bishoboka kose.

10 Rero, noneho turebe… mu minota mike, ibi bihe bikomeye by'icyaha turimo noneho. Sintekereza ko haba harigeze kubaho igihe, nshingiye ku byo nasomye byose mu mateka… Habayeho ibihe byo kurenganywa bikomeye, ubwo abana b'Imana bicwaga hose. Ariko kubona ibinyoma by'umwanzi, nta bwo twigeze tubona ibihe nk'ibi. Ni igihe ubucakura n'ibinyoma birenze uko byigeze. Kandi iyo mbibonye, ikinza mu bwenge, ni ukuba maso uko bitigeze mu bisekuru byose.

11 Sawa, iyo tuba twari dushubije amaso inyuma ubwo Roma yatotezaga Itorero; iyo umukristo yabaga yakoze ikosa runaka, bamugabizaga intare zikamushishimura, cyangwa ikintu nk'icyo, iyo bamenyaga ko ari umukristo, iyo yabivugaga. Ariko ubugingo bwe bwararokokaga, kuko yizeraga Imana, n'ukwizera kwera kandi kutavangiye, kandi akaba yararekaga uru rusaku ruzamuka, n'ukwizera k'umwimerere, akavuga ati: “Akira ubugingo bwanjye Mwami Yesu!”

12 Ariko noneho, ubucakura bwa Satani noneho, ni ubwo kumvisha abantu ko ari abakristo bya he byo kajya. Ni byo bibaho. Ntugomba gushyira ikimenyetso… Ni-ni igihe cy'ubucakura burenze ubwa kiriya gihe, mu gihe ashimangiza ubuhamya bwe kuhasiga ubuzima. Satani yateze imitego ye ihebuje indi kuba amayobera, kugira ngo… Ni umushukanyi. Kandi Yesu yatubwiye, muri Matayo 24, ibyajyaga kuba mu gihe turimo, igihe guhebuje ibindi gushukana mu byigeze kuboneka, “Byenda gusa cyane ku buryo byajyaga kuyobya n'intore z'Imana, iyo bijya kuba ibishoboka.”

13 Noneho tugereranye imirongo imwe y'Ibyanditswe, cyangwa ubuhanuzi bumwe buvugwa muri Bibiliya, burebana n'iki gihe, tubigereranye n'iki gihe turimo.

Timoteyo 3 hatwigisha ibi: umuhanuzi yavuze ko, “none, igihe cyajyaga kugera ubwo abantu bajyaga kuba bikakaza, ari abibone, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana”. Nimugereranye, buriya, mu kanya gato. Ntitugiye… Tugiye kubivugaho akanya gato, kuko ari nta gihe dufite cyo kureba byose akantu ku kandi nk'uko twakagombye kubikora; ah'ubwo kurushaho kubisobanura, ngo mubashe kubona, ni mutaha iwanyu hanyuma mukabyiga. “Bikakaza, bibona, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, babeshyerana, batirinda, banga abakiranutsi.” “Nyamara Mwuka avuga yeruye ko ibyo bintu byajyaga kuba mu bihe bya nyuma.” Ni ibi bihe, bivugwa n'ubuhanuzi.

14 Noneho, turanasoma, mu Byahishuwe, 14, cyangwa ah'ubwo, Ibyahishuwe 3:14, Igihe cy'Itorero cya

Lawodikiya, uburyo idini ryajyaga kumera muri iki gisekuru cya nyuma. Ryajyaga kuba, bivugwa ko "yajyaga kuba adamaraye kandi ari nta cyo akennye. Yari-yari atunze kandi atunganiwe, kandi ntiyari azi ko ari umukene, umutindi, indushyi, impumyi kandi yambaye ubusa, nta byo yari azi". Nyamara, mwibuke, Arabwira idini ry'iki gisekuru: "indushyi, impumyi, yambaye ubusa, kandi atabizi". Aka gace kanyuma k'interuro, iryo Jambo rya nyuma, ni ryo ribiha ireme. Batekereza kuba buzuye Mwuka, kuba biteguye neza. Igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya, ni Igisekuru cy'Itorero rya gipantekote, kuko ari cyo gisekuru cya nyuma cy'Itorero. Luteri yagize ubutumwa bwe; Wesley yagize ubutumwa bwe; n'abapantekote bagize ubutumwa bwabo.

15 Kandi hananditswe ngo: "Ubwo uri akazuyazi, ukaba udashyushye ntunabire," ibyiyumvayumvo byo hanze, imyumvire yo mu mutwe y'Ubutumwa Bwiza, Yavuze ati: "Ubwo umeze utyo, Ngiye kukuruka." Mu indi mvugo, kubona itorero rimeze rityo byamuteraga iseseme.

16 Kandi, wibuke, baramurutse, We; kandi Yari hanze y'itorero, ashaka kuhagaruka, muri iki Gisekuru cya Lawodikiya giteye ubwoba.

17 Imana y'iyi si ya none, umuntu baramya wa none, ni Satani. Kandi abantu baramya Satani batabizi, ariko Satani ni we wigira itorero, murabona, yigira itorero. Baramya Satani, bagira ngo ni Imana baramya binyuze mu itorero, ariko ni bwo buryo Satani abyitwaramo.

Muvuga muti: "Yoo, ariko, akanya gato: tubwiriza Ijambo."

Mugaruke kuri iyi mirongo yanjye y'uyu mugoroba. Ni Satani, wabanje kubwiriza Eva ati: "Imana yavuze", murabona.

Ni ugutanga igisobanuro kitari cyo cy'Icyanditswe kirebana n'igihe cyacu. Azababwira ko ibyo Yesu yakoze byose, byari butunganye. Ariko, iyo ugeze ku masezerano Batanze y'iki gihe, rero, Bihinduka iby'ikindi gihe. Ibyo agomba gukora byonyine, ni ibyo, murabona, ni ugutera abantu kumwizera batyo, nta-nta kindi. Mu by'ukuri, "ntimushobora kurigabanyaho Ijambo na rimwe, habe no kuryongeraho ijambo na rimwe". Ariko ni byo akora.

18 Abantu, batabizi, baramya Satani, bagira ngo bararamya Imana; twari twaraburiwe kuri ibyo binyuze mu buhanuzi, binyuze muri 2Abatesalonike. Tuhasome rero, ni 2 Abatesalonike, igice cya 2. Tuhasome mu kanya, niba nshoboye guhita mpabona. Nifuzaga kuhasoma, ntekereza ko ari 2 Abatesalonike. Mfite imirongo y'Ibyanditswe, hano. Muri 2…

*Ku birebana no kuza k'Umwami Yesu… n'inama hamwe na we, turabinginze, bene Data,*

Sawa, murabona, "ukuza k'Umwami, n'inama hamwe na We", rero Imana izajya inama n'ubwoko Bwayo mu bihe bya nyuma. "Inama y'abantu hamwe n'Uwiteka," si hamwe n'itorero, "hamwe n'Uwiteka; kujya inama na We."

*Kutemera byoroshye mu myumvire yanyu, no… guteshwa umutwe-guteshwa umutwe, byaba biturutse ku guhumekerwa runaka, cyangwa… ijambo runaka, cyangwa urwandiko runaka bavuga ko ruduturutseho, nka… umunsi w'Uwiteka wari wasohoye.*

*He kugira ubayobya mu buryo ubwo ari bwo bwose: kuko ukwimura Imana kugomba kubanza kuza, maze bakabona wa mugome ("umugome", murebe neza icyo ari cyo, hariya), umugome, umwana wo kurimbuka (uwo, yari Yuda, murabona),*

*Umugome wishyira hejuru y'icyo bita Imana cyose cyangwa icyo baramya, kugeza ubwo yicara mu ngoro y'Imana, ubwe yigira Imana.*

19 Icyo kinyoma cy'idini rya none! Murabona, "umwana wo kurimbuka", Satani. "Umwana wo kurimbuka", Satani. Rero, abantu baramya Satani, muri iki gihe, bagira ngo bararamya Imana. Ariko bayiramya binyuze mu mahame, amadini yahimbwe na muntu n'amahame yanzuriye mu kuroha abantu mu kinyoma gihebuje ibindi mu byigeze kubaho. Uko Ijambo ry'Imana ryasezeranijwe iki gihe ryaba ribwirizwa rikanahamirizwa kose, banga kuryizera. Banga kuryizera.

Ni ukubera iki rero? Turibaza impamvu. Kubera-kubera iki banga kuryizera? Imana yari yavuze ko Yajyaga kugira icyo Ivuga, kandi Yaragikoze, kandi n'ubwo baritera umugongo maze bakaryanga. Kimwe na Eva, yari azi ko icyo Imana yari yavuze yajyaga kugikora; ah'ubwo yabiteye umugongo ngo atege amatwi icyo yashakaga kuvuga.

Mubyibuke, bu bindi bisekuru, byahoze ari bimwe. Muri buri gisekuru, byahoze, Satani ashakisha uko yacurika iri Jambo, mu kuriha abantu mu buryo babona ikindi gisekuru.

20 Murebe, ubwo Yesu yazaga, murabona, Satani yari yacengeye muri iryo tsinda ry'abigisha b'Abayuda, abigisha n'abatambyi, yageragezaga kubabwira ngo bitondere amategeko ya Mose, mu gihe Ijambo Ubwaryo ryavugaga ko icyo gihe, Umwana w'umuntu yari agiye guhishurwa, murabona, ko Yari agiye

guhishurwa. Rero, umwete wabo werekezaga kuri ibi: kazima bakomereza abantu mu bunyedini kandi bakitondera amategeko ya Mose. Murabona icyo yakoze? Yageragezaga kubabwira ati: "Iki gice cy'Ijambo ni ukuri, ariko si uwo Muntu, si we Muntu wari ukenewe." Murabona uburyo ari umushukanyi? Iki mu by'ukuri, ni cyo gihe cy'ubushukanyi bukomeye.

21 Ni uko byahoze, kandi ni bimwe noneho: Satani yashinze ubwami bwe ku isi. Nta gushidikanya ko ari yo mpamvu yabigenje atyo, ni uko ashaka gushyiraho ubwami bwe bwite. Uko ni ko rwiyemezamirimo utari umukristo, akoresha uburyo bwose bushoboka ngo akwereke ibintu abicuritse. Iyo akurikiye intego kandi akaba afite amahirwe yo kugukoresha atyo, yo kugutera kubona ibintu atyo, azakwereka ibyo ashoboye byose, maze akubuze kubona ukuri kuri byo, kuko yitekerezaho gusa. Uko yaba abeshya, ariganya, n'iki kindi, kose, abifitemo inyungu.

22 Kandi ni yo mpamvu Satani yakoze ibyo. Kandi kugira ngo agere ku ntego ye, yifashishije umurimo, nk'uko Imana yari yarabisezeranye. Nyamara, ni mu bushukanyi bwa kinyedini byatangiriye, muri Edeni, kandi uhereye ubwo, ni uko yakomeje.

Si mu gushinga itsinda rya gikomunisite. Abakomunisite nta ho bahuriye na byo. Ni idini rikwiye kugenzurwa, murabona. Si abakomunisite bajyaga kuyobya n'Intore. Idini ni ryo ryajyaga kuyobya n'Intore, murabona. Si abakomunisite; tuzi ko bahakana Imana, kandi bakaba ari ba antikristo, nta gushidikanya, mu mahame, ariko antikristo, si bo. Antikristo ni umunyedini, umunyedini bya cyane, kandi ashobora kuvuga Icyanditswe maze akariduha mu buryo busobanutse cyane.

Ni cyo Satani yakoreye hariya, mu itangiriro, yavuze byose, neza cyane: "Imana yavuze ngo: 'Ntimuzarya imbuto zose z'ingobyi.'" Murabona, arivuga, neza cyane.

Eva avuga ati: "Yego, dushobora kurya imbuto zose z'ingobyi, ariko hari igiti kiri hagati y'ingobyi, Imana yatubujije kukirira imbuto, kuko, ari nta no kugikoraho, kuko umunsi twabikoze, ari bwo tuzapfa."

23 Avuga ati: "Yoo, nta gushidikanya ko ari nta cyo muzaba. Ah'ubwo ngiye kukubwira impamvu Imana yavuze ibyo, ni uko…" Murabona, we, hariya, iki? Yavuze uko Kuri, murabona. Yavuze ati: ""Ni bwo amaso yanyu azahweza, maze mukamenya icyiza n'ikibi. Muzamera nk'Imana, icyo gihe, ni mubikora.

Neza neza ni ibyo ashaka gukora, kandi neza neza ni byo ashaka gukora none, bimwe. Bwari ubushukanyi bwa kinyedini mu ntangiriro muri Edeni, kandi uhereye ubwo, ni uko byakomeje. Mu gihe cya Adamu, bwari ubushukanyi. Mu gihe cya Nowa, bwari ubushukanyi. Mu gihe cya Yesu, nta cyahindutse. Kandi n'ubu, ni kwa kundi, uburyo bumwe, ubushukanyi bwa kinyedini!

24 Noneho, ni tubibona, isi, ubwo yari ikiyoborwa n'Imana. Nyamara, ubwo isi yari ikiyoborwa n'Imana. Hanyuma, ubwo Satani yayigaruriraga, mu kwanga Ijambo ry'Imana. Imana, igihe kimwe, ni Yo yayoboraga isi. Iyishyira mu nzira yayo. Yayishinze kugira ngo igire icyo ikora. Nta cyo Itakoze, Yari ikiyiyobora. Noneho tugiye kubigereranya na nyuma, ubwo yagwaga mu biganza bya Satani.

25 Nyamara, Imana byayitwaye imyaka ibihumbi bitandatu. Ntibyayisabaga igihe kingana gityo, ariko ni cyo Yakoresheje. Imyaka ibihumbi bitandatu, kuko twize ko "umunsi umwe mu Ijuru uhwanye n'imyaka igihumbi yo mu isi", ni no mu myaka ibihumbi bitandatu, cyangwa iminsi itandatu, Imana yashinze urufatiro rw'isi. Rero, Imana yakoresheje imyaka ibihumbi bitandatu ngo iyishyirireho urufatiro, iyibibamo imbuto nziza, hanyuma ngo byose byere hakurikijwe ubwoko bwa buri cyose. Byose byeraga bikurikije ubwoko bwa buri cyose. Izo mbuto Zayo zose zari nziza, zagombaga rero kwera zikurikije ubwoko bwa buri yose. Imana yakoresheje imyaka ibihumbi bitandatu.

26 Ku iherezo, ubwo Yasozaga, kandi ku iherezo… ku iherezo, umurwa mukuru w'isi washinzwe ahantu hateye amabengeza, i burasirazuba bwa Edeni, ahiswe ingobyi ya Edeni. Imana yashinze umurwa mukuru w'isi mu ngobyi ya Edeni, muri Egiputa, ni ku rubibi rw'i burasirazuba bw'ingobyi ahari umurwa mukuru.

27 Kandi nk'abatware b'aho hantu, Yashyizeho umuhungu Wayo n'umugore w'umuhungu Wayo, ngo bategeke ibyo byose. Ni byo. Ni byo Imana yakoze. Yabeguriye ubuyobozi bwose. Bashoboraga gutegeka imiyaga, maze na yo ikabumvira, igatuza. Bategekaga igiti runaka, maze kigashinguka, kikimukira aho bashatse.

Intare n'ikirura byararishanyaga, kandi umwana w'intama waryamanaga na byo. Nta kibi cyabagaho. Yari amahoro asesuye, ibyiza gusa, byose byari bitunganye, kandi, ubwo isi yari ikiri mu biganza by'Imana. Kandi mwitegereze, Yabonaga… Yabonaga isi Yayo, Yabonaga byose bigenda neza. Yabonaga byose bitera imbere neza. Byose byararishaga; nta cyajyaga gupfa, nta cyajyaga kubora, nta cyajyaga kwangirika. Nta na kimwe… gusa byose byari bitunganye.

28 Kandi hejuru y'ibyo byose, Yahashyize abana Bayo ikunda cyane, umuhungu Wayo n'umukobwa Wayo, umugabo n'umugore we, ngo bayobore.

Imana yari inyuzwe cyane! "Maze Iruhuka imirimo Yayo yose, ku munsi wa karindwi", hanyuma Yeza

umunsi wa karindwi, Iwugira isabato Yayo.

Mu by'ukuri, Imana yitegereza byose hamwe, nyuma yo kubitaho imyaka ibihumbi bitandatu yo kubishushanya no kubitegura, no kurema ibyo byose; ihagarika imisozi, kandi, binyuze mu birunga, Ishibura imisozi iyitumbagiza igana ku ijuru, n'ibyo bintu byose byakozwe mu bihe by'iruka ry'ibirunga; Yarabyumishije, maze biba nk'uko Yari yabishyizeho. Kandi hari ahantu hateye amabengeza.

29 Nta cyo washoboraga kuba wagereranya n'izo paradizo z'Imana! Na za dinozore z'ibihangange, n'ibyahagendagendaga byose, inyamaswa ndende zose, nta yagiraga urugomo muri zose. Zagwaga neza nk'akana k'injangwe. Nta kibazo cyabagayo na busa: nta-nta burwayi, nta mubabaro, nta muze utera uburwayi na busa wabaga ku isi. Yoo, mbega ahantu! Ibisiga binini byagurukaga biva ku giti bijya ku kindi; Adamu ni we wabyitaga amazina, kandi byazaga guhagarara ku rutugu rwe maze-maze zikaguguriza mu gutwi kwe. Kandi, yoo, mbega ahantu heza Imana yari ifite hariya!

30 Hanyuma, Yabyaye kimwe mu byari bigize Umubiri Wayo bwite. Imana ifite ibiyigize mu Mubiri Wayo. Urugero, wowe, uri kimwe mu bigize so. Kandi, niba ubibona, wari uri muri sekuru wa sekuru wa sogokuru wawe. Ariko, buriya, tuvuge, tugiye gufatira kuri, tuvuge, wowe na so. Sawa, nta cyo wari uzi na busa, ubwo wari ukiri muri so. Intanga ibyara ituruka mu mugabo. Umugabo afite akagirangingo k'amaraso; umugore afite igi; rero, kandi ni akagirangingo k'amaraso kifitemo ubuzima. Kandi, rero, ubwo wari uri muri so, mu by'ukuri, nta cyo wari ubiziho, ariko nta kibuza ko ubushakashatsi n'Ijambo ry'Imana bihamya ko wari uri muri so, gusa nta byo wari uzi.

Ariko so, buriya, yifuzaga ubudatuza kukumenya. Kandi ku bwo gushakana na nyoko, so yashobojwe kukumenya. Noneho, uri ishami ryashibutse kuri so. Usa na we, kandi ibice bimwe by'umubiri wawe bisa na so.

Nyamara, byari nk'ibyongibyo ku Mana, mu ntangiriro. Buri muhungu w'Imana na buri mukobwa w'Imana bari mu Mana mu ntangiriro, ariko ni ho wari uri. Yari ibizi. Kandi Yashakaga ko ubaho mu ishusho ibemerera gushyikirana, no kuvugana, no gukundana, no gukorana mu ntoke.

31 Ntiwaba ushaka ko umuhungu wawe bwite… Mbese si umunsi mukuru iyo umuhungu wawe atashye maze mukicarana ku meza? Iyo atabarutse avuye ku rugamba, cyangwa ikindi, yuzuye inkovu, ujya gutegura amafunguro, ujya kubaga ikimasa cy'umushishe, cyangwa iki kindi, maze ugasohora amafaranga ku bwe! Ni ubura bwawe bwite n'amaraso yawe bwite, kandi yari ari muri wowe. Kiriya gihe nta we wari uzi, ariko wari uzi ko ahari.

32 Kimwe n'ibyo, Imana yari izi ko twajyaga kuba hano, ariko icyo Yakoze, Yadushyize mu mibiri, kugira ngo tubashe gushyikirana. Kugira ngo Yo ibashe gusabana na twe, Yabaye Umwe muri twe, ubwo Yahindukaga Yesu Kristo, Umwana w'Imana Ubwe, umwuzuro wo kwigaragaza kw'Imana. Rero, uwo ni wo wari umugambi w'Imana, kugaragaza ibiyigize mu busabane bwa bene Data.

Ubwo nari nkiri muri data, nta cyo nari mbiziho. Ariko, ariko ubwo nahindukaga umuhungu we maze nkabyarwa na we, nari ikimugize, urugingo rwa data. Kandi uri urugingo rwa so. Kandi nk'abana b'Imana, turi urungingo rw'ikigize Imana rwari muri Yo, rwambikwa umubiri nk'uko We Yambaye umubiri, kugira ngo tubashe gusabana hagati yacu, nk'umuryango w'Imana mu isi. Kandi uwo ni wo wari umugambi w'Imana. Yego mugabo. Icyo ni cyo Imana yashakaga, mu ntangiriro.

Yagenga byose. Maze Ishyira muntu mu ngobyi ya Edeni hanyuma Imuha rugari; Imubwira iti: "Mwana Wanjye, amahitamo ni ayawe."

33 Mbega ahantu heza cyane!

Imana yari inyuzwe cyane, buriya, ku buryo Yagiye kuruhuka imirimo Yayo yose. Nta giti na kimwe cyeraga amahwa habe n'ibitovu. Nta cunga na rimwe ryeraga ku gati gafite amahwa. Byose byari bitunganye. Imbuto zose zari zitunganye. Byose byari bimeze neza.

Rero, ubwo Yajyaga kuruhukaho gato, umwanzi Wayo yahise yinjira yomboka, n'ubushukanyi bwe, maze aba ari we ufata ubugenzuzi mu guha abana Bayo ibisobanuro bicuritse by'umugambi Wayo. Mu gihe Yari yagiriye umwana Wayo icyizere; nk'uko ugirira icyizere umukobwa wawe, iyo asohotse nimugoroba ajyanye n'umugabo; ko ugirira umuhungu wawe icyizere, iyo bibaye ngombwa ko asohokana n'umuhungu w'umunywanzoga cyangwa w'umunywatabi. Murabona, Yari yagiriye umuhungu Wayo icyizere, ko ari nta kibi na gito yajyaga gukora, kandi ko yajyaga kuguma ari umwizerwa kuri buri Jambo Ryayo. Ah'ubwo umwanzi yarinjiye yomboka; nka ka kageruza kisize ibitera imisatsi kurabagirana kasohokanye umukobwa wawe, kandi kakamukorera ibya mfurambi; cyangwa-cyangwa umugore wasohokana n'umuhungu wawe, n'ibimeze nk'ibyo. Murabona, yinjiye yomboka. Umwanzi w'Imana yinjiye yomboka, kandi yahaye Eva ibisobanuro bicuritse by'Ijambo.

34 Noneho, Satani, ni muri uko kugwa yigaruriye ingobyi ya Edeni maze arayironkera. Yayigize umutungo we. None dore ngo aramara imyaka ibihumbi bitandatu aganje ku bw'ikinyoma; arashuka abantu, abana

b'Imana, nk'uko yabigenje kiriya gihe. Mu by'ukuri, bari barashyizwe imbere amahitamo, bemererwa gukora uko babaga bishakiye. Kandi, batekereza ko bajyaga gukora uko byakagombye, cyangwa bizera uko bikwiriye, ah'ubwo dore ngo baragurisha umurage w'umwana w'impfura, nka Esawu, ku bw'iyi si. Kandi Satani yatahukanye intsinzi, maze arayigarurira. Kandi byatwaye imyaka ibihumbi bitandatu ngo yiyubakire Edeni ye, nk'uko byatwaye Imana imyaka ibihumbi bitandatu ngo yiyubakire Edeni Yayo. Kandi byanyuze mu bushukanyi, mu gushuka Ijambo, cyangwa mu gushuka abantu, ni ko yashinze Edeni ye mu isi, mu cyaha.

35 Edeni y'Imana yubatswe mu gukiranuka. Edeni ya Satani yubatswe mu cyaha, kuko Satani ari icyaha. Imana ni ugukiranuka, kandi Ubwami bw'Imana bufatiye ku gukiranuka, amahoro n'Ubugingo. Kandi Satani, afatira ubwe ku cyaha, kandi, ku cyaha cya kinyedini.

Mwitegereze uburyo yabyitwayemo mu gushukana, ikinyoma cye, byagenze nk'uko yari yarabivuze. Yari yarasezeranye kuzabikora. Mbese hari uwari ubizi? Dufate muri Yesaya, niba mushaka imwe mu mirongo mfite hano. Niba mu-… Nakagombye kuvuga irenze, ni ko nkeka. Dufate Yesaya, igice cya 14, akanya gato. Muri Yesaya 14, tugiye kuhasoma; mwitegereze icyo uyu muntu yakoze. Yesaya 14, uhereye ku murongo wa 12.

> *Wa nyenyeri yo mu ruturuturu we, mwana w'umuseke ko uvuye mu ijuru, ukagwa! Uwaneshaga amahanga ko baguciye bakakugeza ku butaka! Waribwiraga uti: 'Nzazamuka njye mu ijuru nkuze intebe yanjye y'ubwami isumbe inyenyeri z'Imana', kandi uti: 'Nzicara ku musozi w'iteraniro mu ruhande rw'impera y'ikasikazi, nzazamuka ndenge aho ibicu bigarukira, nzaba nk'isumbabyose.'*

Noneho, mubigereranye, hano, n'indi mirongo twafashe mu Batesalonike, mu kanya, aho Yavugaga ati: "Yicaye mu ngoro y'Imana, yishyira hejuru y'icyo bita Imana cyose kugeza kuramywa nk'Imana, nk'Imana mu isi."

36 Ngiyo imana y'iyi si, iyo nababwiye mu kibwiriza cyo kucyumweru ushize. Ngiyi none, n'ubushukanyi bwayo, iki gihe kigoramye, iki gihe giteye ubwoba turimo. Ni cyo gihe gihebuje ibindi byose ubwiza, kuko twongeye kubona imbere yacu Ingoma ikomeye y'imyaka Igihumbi, twongeye kubona Edeni imbere yacu. Ibiri amambu, neza neza turi mu gisekuru yakusanyije ubushukanyi bwose n'amayeri yose yigeze gukoresha, ayamushoboje gushukana, yarabikusanyije hanyuma akora iyo bwababaga; none nguyu nk'Imana, mu gihe afashe umwanya w'Imana; ni umunyedini, ashobora kuvuga umurongo w'Icyanditswe, neza neza nk'uko Satani yabikoreye Eva mu ngobyi ya Edeni. Ariko icyo ashoboye gukora cyonyine, ni ukugira icyo arigabanyaho, ngo ace icyuho inyigisho kirimbuzi za Satani zabasha gucengereramo, nk'Akayunguruzo k'umuntu utekereza, twavuze uriya mugoroba.

37 Rero, yavuze ko yajyaga kwishyira hejuru y'Isumbabyose; yajyaga kujya hejuru y'ibicu n'inyenyeri, hanyuma akicara nk'Imana, yajyaga kuba hejuru y'Isumbabyose. Kandi yashoboye gushyira iterabwoba rye mu bikorwa. Nta gushidikanya ko yashoboye gushyira iterabwoba rye mu bikorwa; mu by'ukuri, mu bisekuru byose, abantu bamushoboje gutesha agaciro, binyuze mu bisobanuro bye, Ijambo ry'Imana ryasezeranijwe kiriya gihe. Neza neza ni uko yabyitwayemo. Mu bisekuru byose, yaritesheje agaciro arisobanura.

38 Igihe cya Nowa, yasobanuye ko bitashobokaga ko imvura yagwa ivuye ku ijuru, kuko "ari nta mvura iba ejuru iriya". Ubutumwa bwe bwa gishakashatsi bukomeye yabwiririje mu ngobyi ya Edeni! Yashoboraga kohereza ibyuma kugera mu kwezi no guhamya ko ari nta buhehere na buke bwababaga ejuru iriya. Gusa Imana yari yaravuze ko imvura yajyaga kugwa. Ariko Satani yashoboye, kandi yaroze imyuka y'abantu, binyuze mu bushakashatsi bwavugaga ko "byari ibidashoboka". Ariko byarashobotse. Imana yari yaravuze ko byajyaga kuba, kandi byarabaye. Nta gushidikanya.

39 Noneho, igihe cya Yesu, yakoze bimwe na byo. Yongeye kuroga imyuka y'abantu abashuka, murabona, abaha ibisobanuro bicuritse by'Ijambo. "Niba Uri Umwana w'Imana, binyereke mu bikorwa."

Yesu ntiyamubereye umukinnyi w'imico. Nta byo Yigeze akora. Imana si umukinnyi w'imico. Ntishobora kugira na kimwe isubiza mu busabe bwa Satani. Nta kindi yari gukora… Yesu yavuze ati:: "Handitswe ngo: 'Ntuzabeshwaho… Umuntu ntabeshwaho n'imitsima gusa, ah'ubwo abeshwaho n'Ijambo ryose rivuye mu kanwa k'Uwiteka.'" Murabona, ntiyashoboraga gukina imico kubera we. Ntiyagombaga gukora umutsima. Yajyaga kubishobora, ariko Yajyaga kuba yumviye Satani, rero, Ntiyagombaga kumvira Satani.

40 Bundi bushya, ni icyaha cya kinyedini, nko mu ntangiriro, gushukana kwa cyane. Mubyitegereze neza, buriya. Si cya cyaha gishaje cy'ibihe byose, cyo gusambana, cyo gusinda, cyo guha agaciro gake Izina ry'Imana byonyine. Si ibyo. Ashwi.

Muribuka, hashize igihe, abenshi muri mwe muza hano uehereye kera, muribuka ikibwiriza cyanjye, ubwo nabwirizaga ku "Ugushoberwa mu Rubanza". Wa maraya, ntazashoberwa hariya. Azi aho agana. Wa musinzi ntazashoberwa hariya. Ukora ubucuruzi bwa magendo y'inzoga, ukina urusimbi, umunyabinyoma,

umujura, si we uzashoberwa. Ah'ubwo ni uriya muntu utekereza ko ari mu by'ukuri, uko ni ko gushoberwa. Ni uwo muntu, uvuga, waje kuvuga ati: “Mwami, sinabwirije Ubutumwa Bwiza, sinirukanye amadayimoni, mu Izina ryawe?”

41 Yesu yavuze ati: *“Nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe. Nta n'ubwo Nigeze kubamenya.”* Uko ni ko gushoberwa, murabona, icyo kinyoma.

Ni cyo ntahwema ku-… ni yo mpamvu ari nta unyumva. Si uko nshaka kuba utandukanye n'abandi. Sinshaka kuba utandukanye, ariko ngomba kuba umwizerwa. Mfite Ubutumwa, kandi bugomba kugera ku bantu. Ni yo mpamvu bitasobanukiye abantu. Iyo byonyine bajya kubimenya, ndi uwa bose, kandi nditanga ngo nzane Ukuri neza neza nk'uko kwashyizwe mu mutima wanjye, kandi nk'uko kwanditswe muri iyi Bibiliya. Kandi Imana ihamya ko ari Ukuri, rero, nta kindi cyo gukora; rero, ni uguhitamo kuyigira ibyiringiro cyangwa kuyitera umugongo.

42 Murabona, ntibashaka kubona Ibyo ari byo, kuko bamaze kugurisha byose, baguze n'idini umurage wabo w'umwana w'impfura; kugerageza, umurage wabo w'umwana w'impfura, wo kujya mu Ijuru bashingiye ku idini, kandi Satani ni we mutware w'ibyo byose. Imana ntiyigeze ishyira inzego mu Itorero, ntibikabe. Kandi bagurisha ibyo byose, igihe, itsinda ry'abantu, basobanura Ijambo, bavuga ko Rishaka kuvuga iki kandi Rishaka kuvuga kiriya.

Imana nta musobanuzi ikeneye. Ishinzwe kuryisobanurira. Nta undi Ikeneye ngo ayigire inama. Irigenga. Yavuze uburyo Yajyaga kubigenza, kandi ni uko, Igomba gukomeza Ijambo Ryayo. Ubwo Yavugaga iti: “Ibi ni byo bimenyetso bizagendana n'abizera”, ni byo Yashakaga kuvuga neza neza. Ibyo Yavuze ko byagombaga kuba, Yavuze ibyajyaga kuba muri ibi bihe bya nyuma, ko hari ibyo Yajyaga gukora, kandi Yarabikoze. Nta we Igomba kugisha inama imubaza niba ari cyo gihe cyangwa atari cyo. Izi igihe, kandi Izi umugambi.

43 Noneho, Satani, uwo munyabinyoma, nk'uko bivugwa muri Matayo 24:24: n'ubushukanyi bw'aka kageni. Noneho, tubona ko binyuze muri gahunda ze z'ibwirizabutumwa, - ubumenyi, kwiga biruseho, ubupfura buruseho, iterambere, n'ibindi, - yaroze abantu bashaka gukorera Imana, ku buryo bizera ikinyoma cye. [Mwene Data Branham akubita kane ku gicaniro. U.I.]

Eva nta bwo yashakaga gukora ibyo, ah'ubwo yamweretse ko yajyaga kubibonamo ubwenge bwisumbuye. Ntiyari azi; yashakaga kumenya. Ntiyari asobanukiwe, ah'ubwo yashakaga gusobanukirwa. Kandi Imana yari yaramubwiye kudashaka gusobanukirwa.

Ni gute nashobora gusobanukirwa nibura kimwe muri ibi bintu? Sinashobora kubisobanukirwa. Ndabyizera. Sinkeneye kubisobanukirwa. Imana, ni ukwizera, si ugusobanukirwa. Twizera icyo Yavuze, nta kindi.

44 Noneho, nimugereranye Edeni y'Imana n'iya Satani noneho, nyuma y'iyi myaka ibihumbi bitandatu yacuritsemo igisobanuro nyakuri cy'Ijambo ry'Imana ryasezeranijwe igihe cyacu. Noneho tugereranye, maze turebe aho tugeze. Urugero, icyo yakoreye itorero, i-igihe cya Kristo, cya Yesu, yagerageje kubuza-kubuza abana b'Imana b'abizerwa kumenya Ukuri. Ibyo, ni Imana. Imana yashyize abana Bayo hano, ingingo Zayo, kugira ngo basabane na Yo mu gutega Ijambo Ryayo amatwi.

45 Byamera bite iyo aba so yari avuze, ko uri umwana w'umwizerwa kuri so, maze akakubwira ati: “Mwana wan jye, ntukoge muri ariya mazi, kuko ari ho ingona zagandiye”, hanyuma hakaza umuntu akakubwira ati: “Nta gushidikanya ko amazi meza nk'ariya, ari nta ngona zayabamo”? Noneho, ni nde uzatega amatwi? Niba uri umwana nyakuri, uzumvira so. [Mwene Data Branham akubita kabiri ku gicaniro. -U.I.]

Kandi ku muhungu nyakuru cyangwa umukobwa nyakuri w'Imana, Ijambo ry'Imana rifata umwanya wa mbere. Icyo undi wese yashobora kubivugaho cyose, kuri bo, Ijambo ry'Imana riza mu mwanya wa mbere. “Hari uburozi mu gikombe”, maze bakabyizera.

Ni mu kwizera Ijambo Ryayo mu mwuzuro Waryo, Imbuto Zayo, habayeho Edeni yo kwera, y'urukundo n'Ubugingo bw'Iteka. Ni cyo Edeni y'Imana yabyaye: kwera. Umusaruro, ni Edeni yo kwera, y'urukundo, yo gusobanukirwa, yo gutungana n'iy'Ubugingo bw'Iteka. Ngibyo ibyo Imana ibiba, Ijambo Ryayo, Imbuto Yayo. Ni cyo Itorero rizaba cyo ku iherezo: ni uko Rizaba rimeze.

46 Mwitegereze, dore igitekerezo. Ntimucyibagirwe. Ndi bukigarukeho ikindi gihe cyangwa mu bundi Butumwa. Ariko, muzi ko Imana yavuze iti: “Imbuto yose yororoke ikurikije ubwoko bwayo.” Mbese iryo ryaba ari itegeko ry'Imana? Rero, byaba bimaze iki ko umubwirizabutumwa, cyangwa undi wese, yagerageza kuvugisha ikindi iri Jambo? Murabona, buri Jambo ry'Imana ni Imbuto. Ni Yesu wabivuze ati: “Imbuto umubibyi yabibye.” Rero, niba Mariko 16 ari Ijambo ry'Imana, Rizororoka rikurikije ubwoko Bwaryo. Niba Malaki 4 (Malaki 3:23-24) ari Ijambo ry'Imana, Rizororoka rikurikije ubwoko Bwaryo. Kandi andi masezerano yose agomba kororoka akurikije ubwoko bwayo.

47 Murabona, murabona Satani, hano, yiyoberanije? We, ashaka kuvuga ati: "Ibyo, oya, si uko." Mwaba musobanukiwe? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Murabona, Satani avuga ati: "Yoo, ibyo si ibya none. Ibyo-ibyo-ibyo, ni… Ibyo, byari ibya kera. Ibyo, nta n'ubwo ari cyo bishaka kuvuga."

"Buri mbuto igomba kororoka ikurikije ubwoko bwayo." Ni bwo buryo Imana yashyizeho Edeni Yayo. Si byo? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Kandi, dore, ni bwo buryo Imana ishinga Itorero Ryayo: buri Jambo rikurikije ubwoko Bwaryo! "Umuntu ntabeshwaho n'imitsima gusa, ah'ubwo n'Ijambo ryose riva mu kanwa k'Uwiteka." Murabona? Satani, we, yifatira ibindi. Ariko Imana yavuze iti: "Buri mbuto ikurikize ubwoko bwayo."

Niba isezerano rivuga riti: "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera."

Noneho idini rivuga riti: "Isunge idini. Subiramo ihame. Iga gatigisimu." Ibyo bintu nta ho biri muri Bibiliya. Ah'ubwo Yesu yavuze ati: "Dore ibimenyetso bizagendana n'abizera: mu Izina Ryanjye, bazirukana amadayimoni; bazavuga izindi ndimi; ni bafata inzoka, nta cyo zizabatwara; ni barambika ibiganza ku barwayi, bazakira." Ni nde muntu watinyuka guhakana Ibyo? Murabona?

48 "Buri mbuto izororoka ikurikije ubwoko bwayo." Niba uri imbuto y'Imana, urugingo, umwana w'Imana, rero Ijambo ry'Imana ribibwe muri wowe. Murabona? Kandi rero, iyo wumvise Ijambo ry'Imana, "Intama Zanjye zumva Ijwi Ryanjye; ntizizakurikira umunyamahanga". Murabyumva? "Rero buri mbuto yororotse ikurikije ubwoko bwayo."

49 Nyamara, tubona ko, nk'uko buri mbuto yororokaga ikurikije ubwoko bwayo, nta rupfu rwabaga muri iyo Edeni. Nta rupfu ruzaba muri Edeni Nshya. Murabona, nta kindi cyabagayo, usibye ukwera, ukubonera n'Ubugingo bw'Iteka.

Noneho, ukutizera Ijambo ry'Imana ryose, ni cyo cyabyaye imbuto yo kutera muri Edeni ya Satani. Tugeze noneho aho Satani agiye kwicara ku ntebe ye y'ubwami, nka antikristo, muri Edeni y'iyi si, Edeni y'icyaha, y'iyobokamana ricuritse. Ntiyatangiye avuga ati: "Ndi Satani, ndi marayika w'umucyo." Oya, si uko, ah'ubwo mu gucurika Ijambo ry'Imana! Kandi ni uko yubatse ubwami bwe, muri buri gisekuru. Kandi noneho, muri iki gisekuru cy'ikinyoma gikomeye, yiteguye kwicara ku ntebe ye y'ubwami, abikesha ubwoko bwe! Yiyubakiye Edeni ya kinyamashuri, ya gishakashatsi; neza neza, ababwirizabutumwa ba gishakashatsi, idini rya gishakashatsi, tewolojiya ya gishakashatsi, byose ni gishakashatsi. Byose bishingiye ku bumenyi. Idini ryose ryubakiye ku bumenyi. Ntirifatiye ku kwizera.

50 Igihe kimwe, nagiye kuyobora amateraniro mu rusengero rw'umuntu umwe. Cyari icyumba kinini, iburengerazuba. Umuntu mwiza cyane. Yahakanaga ibyo bintu tuvuga, ariko nyamara, yari… naramukundaga; umuntu mwiza cyane, umusaza. Ubwo iteraniro rye ryasohokaga… Hari nk'imyanya ibihumbi bitandatu yicarwamo muri icyo cyumba. Ubwo iteraniro rye ryasohokaga, mu materaniro y'igicamunsi, abantu nk'igihumbi na magana atanu, bose bari abanyamashuri bambaye neza. Nakomeje kwiyicarira hariya mbitegereza.

Uwo muntu yari yabwirije ikibwiriza cyiza cyane. Hanyuma, yabajije niba hari uwashakaga kwakira Kristo, ngo azamure ikiganza byonyine. Maze habura n'umwe wazamura ikiganza. Hanyuma ku iherezo umugore umwe azamura ikiganza. Avuga ati: "Uri umukristokazi noneho", maze ajya muri gahunda yo kumubatirisha. Hanyuma, ubwo yasohokaga… Yeguriye Imana uruhinja rumwe, ararusoma maze ararusengera, hanyuma arekura abantu ngo batahe.

51 Ubwo iteraniro rye ryasohokaga, - bose bari abantu beza, intiti, bize, - ubwo, nagumye hafi aho, ngo nkore uwo muntu mu ntoke, kandi ngo mwifurize amahirwe, asohoka. Kandi, icyo gihe, itsinda ryanjye ryarinjiye. Ntibashoboraga kureka ngo ryinjire mu gihe itsinda rye ryari rigihari. Iryanjye ryarahageze, mu tugare, mu ngobyi, mu twenda twa gikene, abasazi n'abandi. Murabona itandukaniro? Ni ibyo. Ngibyo ibyo mvuga, murabona. Murabona, ni ikintu gitandukanye.

52 Mu gihe, mu bumenyi bwa gishakashatsi, ushobora gutanga Ubutumwa Bwiza busobanutse, wakoresha… "uwizera Yesu Kristo nta teka ateze kuzacirwaho", murabona. Ariko "dore ibimenyetso bizagendana n'abizera", murabona, abura gushyiramo Icyo, murabona. Yizeye Yesu Kristo, arakijijwe, niba ibyo bimenyetso biherekeje uwo mwizerakazi.

"Kandi uwumva Ijambo Ryanjye", atari ukubarura amagambo gusa, atari ukuyumvisha amatwi, ah'ubwo "kuyasobanukirwa". Uwo ari we wese ashobora kuryumva; indaya ishobora kuryumva kandi igakomeza kuba indaya; murabona, umusinzi ashobora kuryumva; umunyabinyoma ashobora kuryumva kandi uko biri kose agakomeza kuba umunyabinyoma. Ariko "Usobanukirwa Ijambo Ryanjye, akizera Uwantumye, afite Ubugingo Buhoraho". None ngibyo, murabona.

Kandi nta muntu Wabasha gukora ibyo, keretse abaye ari intore y'Imana. Yesu yavuze ati: "Nta waza aho Ndi atari Imana imureheje, kandi abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi." Amina. Byose bishingiye ku bwigenge bw'Imana no kumenya ibintu mbere Kwayo. Ibaho yonyine, kandi nta ugira icyo ayibwiriza.

53 Rero, mu kutizera, kutakira Ijambo ry'Imana ryose, ni cyo cyabyaye imbuto yo kutizera, yo kutera, y'icyaha, y'urwango n'iy'urupfu rw'Iteka, muri iki gisekuru cy'Itorero cyuzuye ibyaha, cya kinyamashuri. Noneho, mwaba mubisobanukiwe? Muri iki gihe, mu gihe isi yose ari inyedini! Mwari mubizi? Isi yose ni inyedini. Kandi muri iki gisekuru cy'ikinyedini, insengero nini mu nguni zose z'uduhanda; ibyo, ibyo byose bisohoreza mu kuramya Satani. Ni hano, byuzuye muri Bibiliya. Ni ukuri. Kandi izo seminari za tewolojiya, z'inyamashuri, zabyaye umuntu w'umunyamashuri, wize ikibonezamvugo, icyo gukora, gukora ku mitima y'abantu, n'ibindi, nk'ubumenyamuntu, mu gihe cy'imyaka itatu cyangwa ine, kugira ngo bamenye gukorana n'ibitekerezo bya muntu. Murabona, ni…

Mwuka w'Imana si ikintu wa-… duheshwa n'amashuri. Ni ikintu duheshwa no gutoranywa n'Imana, kivuye mu kiganza cy'Imana Ishoborabyose. Ntushobora kubona imyitozo y'iby'Imana uyiheshejwe n'amashuri. Ni ukuba waratoranijwe n'Imana, bivuye mu kiganza cy'Imana, no kumenywa mbere n'Imana, ubyakira. Ni ukuri.

54 Rero, ni cyo cyabyaye iyo Edeni ikomeye babayemo none, Edeni y'isi y'inyedini. Amadini yishyize hamwe yose noneho mu mpuzamadini ikomeye, kandi agiye gukora idini ry'isi yose, yose agiye kwihuriza munsi y'umutware umwe rukumbi, mu gihe Satani azaba yimitswe, neza neza.

Kandi akamo ka nyuma karatewe, ngo kagere ku mugeni mbere y'uko yinjiramo. Kuko, amaze kwinjiramo yaba yafashe ikimenyetso cy'inyamaswa, akaba aciriweho iteka, ntabe agiteze kuzasohokamo. Ni yo mpamvu handitswe ngo: "Nimuwusohokemo, bwoko Bwanjye", mbere y'uko ibyo byose bisohorera mo imbere, hamwe na we, murabona. "Nimusohoke muri bo, mwitandukanye na bo."

55 Rero, urwango, urupfu, no gutandukana by'iteka n'Imana, muri iyo Edeni; irari, umwanda, icurika, (gute?) mu kubiba imbuto mbi.

Binyibutsa iyerekwa nagize mbere y'uko mpura bwa mbere n'abapantekote, ry'uwo Muntu wazengurukaga isi, yambaye imyeru. Mwanyumvise mbivuga incuro nyinshi. Kandi hari uwamuje inyuma, yabibaga imbuto z'umwiryane.

Ariko yatahukanye intsinzi bidashidikanywaho, muri Eva… mu ngobyi ya Edeni, binyuze mu kurarikira icyaha kwa Eva; kurarikira icyaha kwa Eva. Rero, niba Eva yaragize inyota yo kumenya, cyari icyaha.

Kandi twebwe, iyo tugize inyota yo kumenya, tugashaka kugira impamyabumenyi y'ikirenga muri filozofiya, impamyabumenyi y'ikirenga mu mategeko, icyo ni icyaha. Ni imvugo ikakaye, ni Ukuri uko biri kose, murabona. Kugira inyota y'ubumenyi, yo gusobanukirwa!

Ikiriho ubu, ni uko tudashaka gushyira Ijambo ry'Imana mu mitima y'abantu, dushaka kuhishyira ubwacu. Amadini ashaka gushyira inyigisho z'idini mu mutima wa muntu. Twahawe amabwiriza yo gushyira Ijambo ry'Imana mu mutima wa muntu. Pawulo yavuze ati: "Nta bwo naje iwanyu nitwaje amagambo y'ubutyoza yo kwemeza muntu, hato ngo kwizera kwanyu gushingire ku bumenyi bwa muntu; ah'ubwo naje nitwaje imbaraga, no kwigaragaza kwa Mwuka Wera, kugira ngo kwizera kwanyu gufatire ku Mana." Ngibyo.

56 Umuntu ubwe ntagomba kwishyira mu mutima wa muntu. Ni byo dusanga muri… Imana igire icyo ikorera runaka maze Imutume, muzabona abandi bose bashakisha uko babyigana. Murabona, bashaka uko bakwishyira ubwabo mu mitima y'abantu. Buri wese: "Njye, nakoze iki. Njye, njyewe, idini ryanjye, njye, iki", bishyira mu mitima y'abantu ubwabo. Umutwe w'ikibwiriza cyacu ni uwuhe: twe Ubwacu cyangwa Ubwami bw'Imana?

Gushyira Ijambo ry'Imana mu mitima y'abantu. Kuvana ukutizera mu mutima wa muntu no kuhashyira Ubwami bw'Imana. Kandi Ubwami bw'Imana ntibushobora gushyirwa mu mutima wa muntu, keretse Ibaye ari Imana yahanze uwo muntu ityo. Ntibushobora gushyirwa mu… Kandi, mwibuke, ikibeshyana mo imbere, ni uko muntu atekereza ko ari mu kuri. "Haba inzira igaragarira muntu ko itunganye." Buri munyamashuri atekereza ko ari mu kuri.

57 Nk'uko nabibabwiraga kucyumweru umwe, hashize ibyumweru bike; ubwo nari negereye uruhinja rwanjye rwasambaga, Satani yari aho wambwiraga ati: "Hari so wakuguye mu maboko uriya mugoroba. Hari uriya murambo w'umugore wawe uri mu buruhukiro, none dore ngo uruhinja rwawe ruragucika. Kandi wayisabye gusubiza amasengesho yawe, none Yara-… Yarakwihoreye. Noneho, kandi nyamara ni Imana nziza, kandi nyamara wavugaga ko Ikiza indwara. Kandi wowe ushyigikiye ibyo wavugaga ko ari ukuri, uri mu mafuti." Yoo, imitekerereze yose, ubushobozi bwo mu mutwe bwose, nta kindi bwashoboraga gukora usibye kwemera ko byari ukuri; kandi yari mu kuri, kugeza ubwo.

Kandi yari ari no mu kuri, ubwo yabwiraga Eva ati: "Amaso yanyu azahweza, kandi muzatandukanya ikibi n'icyiza. Muzamera nk'imana kubera ibyo, mu gutandukanya icyiza n'ikibi"; mu by'ukuri, Imana yari itarabemerera kumenya ko bari bambaye ubusa. Rero, bari bazi ko bajyaga kumenya ikibi n'icyiza; kandi yari mu kuri. Ariko, murabona byari bihabanye n'Ijambo ry'Imana.

58 Kandi ni bimwe n'iby'abagaragu b'Imana bajya muri za seminari, kwiga tewolojiya yahimbwe n'ikiganza cya muntu; byashobora gusa n'ukuri, byashobora kuba uburyo bwiza bwo gusobanukirwa ikintu, ariko ni ikinyoma.

Nta bwo dukeneye kurisobanukirwa. Turaryizera, kuko ari ibyavuzwe n'Imana, kandi rigakemura ikibazo rimwe na rizima. Mu mwuzuro Waryo, ni uko dukwiye kuryizera. Yoo, mbega uburyo Eva yari afite inyota yo kubona impamyabumenyi y'ikirenga muri filozofiya, murabona, mbega uburyo yari afite inyota yo kumenya ibirenze ibyo yari azi!

59 Mwitegereze ugusa, umugabo n'umugore we… Noneho mwitegereze, umugabo n'umugore we, bombi bari bambaye ubusa mu ngobyi ya Edeni, Edeni y'Imana.

Noneho ngiye kwanzura. Nari navuze ko ntajyaga kubatindana. Nimurebe, mwitegereze, mu gihe nanzura. Noneho mugereranye ibi, ugusa, umugabo n'umugore we bari muri Edeni y'Imana, bambaye ubusa rwose, kandi batabizi. Ni uko, kuki batari babizi? Ni uko bari batwikiriwe ku buryo batamenyaga ko bambaye ubusa, n'Igitwikirizo Cyera, cya Mwuka Wera. Bashoboraga kurebana, kandi ntibari bazi ko bambaye ubusa. Bari batwikiriwe na Mwuka Wera, ukwera. Bari batwikiriye.

60 Igitwikirizo cy'Imana, na n'ubu, ashobora kureba ntararikire. Bareba hirya. Ni Igitwikirizo Cyera, murabona, Igitwikirizo Cyera. Imana yari ifashe amaso yabo… bombi bari, umwe yari umugabo na ho undi akaba umugore, kandi nta bwo bari bazi ko bambaye ubusa, kuko ukwera kw'Imana kwari gutwikiriye amaso yabo. Nimwitegereze, Imana yari ibarinze ubumenyi bw'icyaha, Ikoresheje Igitwikirizo Cyera.

Nakwifuje kubona igihe gihagije cyo kubitindaho. Mwitegereze neza, buriya: “Kuko we, umuramyi, amaze kwezwa,” Abaheburayo, “umuramyi, amaze kwezwa, afite umutima uticira urubanza.” Icyaha ni amateka kuri we.

61 Numvise Mwene Data Neville wavugaga, muri iki gitondo; wenda hari uwari wamubajije impamvu ntabwirizaga kuri Mwuka Wera, impamvu ntakoraga iki. Dore ibyo ari byo. Mwuka Wera, ni umurimo muri mwe. Ni Ubugingo, si amarangamutima, si igihamya cy'umubiri. Ah'ubwo ni Umuntu, Yesu Kristo, Ijambo ry'Imana, rishyizwe mu mutima wawe, ngo Rihe ubuzima buri Jambo ry'iki gihe. Ni ukuri. Nimwitegereze Mwuka Wera akora, atari cyane mu gusobanura, ah'ubwo mu bikorwa, icyo Akora, ashingiye ku Ijambo.

62 Noneho mwitegereze, binyuze muri Mwuka Wera, Ijambo Ryera ry'Imana, umugabo n'umugore bari bambaye ubusa, kandi nta byo bari bazi. Mbega uburyo byari byiza! Ubuzima bw'Ijambo; Imbuto, Ijambo!

Imana yavuze iti: “Hari igiti hagati mu ngobyi: umugore. Hagati mu ngobyi, hari icyo giti; ntunagikoreho. Kuko, igihe uzakiriraho, ari bwo uzapfa.” Bari batwikirijwe Igitwikirizo Cyera, babujijwe kubona, nta cyo bari babiziho habe na busa, ntibaba baratinyutse kugikoraho. Bari batwikirijwe Igitwikirizo Cyera, bari mu mutekano mu rugo rw'Imana. Bari bazima. Nta rupfu rwari rubagose. Haleluya! Bakundanaga urukundo rutunganye, Ubuzima butunganye by'iteka. Bakundanaga urukundo rutunganye, ugusobanukirwa gutunganye k'urukundo rw'Imana. Bari bafite Ijambo ry'Imana, kandi bararirindaga. Bari bazima kandi bari mu mutekano, muri Edeni y'Imana, kandi nta rupfu rwari rubagose.

63 Hanyuma, Satani yateye Eva gutega amatwi ubutumwa bwe bwa tewolojiya, ubutumwa bw'ubumenyi, bw'amashuri y'ikirenga, bw'ikinyabupfura cyisumbuye, bw'iterambere riruseho, bw'amashuri yisumbuye, n'ibindi; rero, ubwo yamuhagarikaga ngo amutege amatwi akanya gato, agatega amatwi ibitekerezo bye (kandi twahawe itegeko ryo guhirika ibyo bintu), ubwo yashoboraga kubimwumvisha.

“Sawa, reba neza, idini riri gutya na kuriya. Rishyizweho uhereye kera cyane. Turi rimwe mu madini ahebuje andi kuba aya kera mu gihugu. Meya w'umurwa ateranira iwacu.” Uko byamera kose, niba bihabanye n'Ijambo ry'Imana, birwanye. Ni umwanzi wawe. Igishyigikiye Ijambo ni mwene So. Ni urugingo rwawe.

64 Nimwitegereze, yitamuruye Igitwikirizo Cyera, ngo abone mu by'ukuri icyo iby'igitsina byari cyo, - mugereranye, - icyo irari ryajyaga kubyara. Yikura ku maso Igitwikirizo, icyo kintu cyera Imana yatwikirije amaso ye. Yashakaga kubona ubumenyi, kumenya icyo byari cyo; rero, yikuraho Igitwikirizo, ngo amenye icyo byari cyo. Yateze Satani amatwi, maze murebe igihagararo yisanzemo kubera icyo.

Bakoze bimwe mu bisekuru byakurikiye, mu guhora bakira uruhande rwa kinyamashuri; kandi noneho ubwami bwa Satani bwarubatswe, ubumenyi, imbuto ye yari yateye, kandi ni uko isi yahindutse Edeni y'urupfu.

65 Noneho mwitegereze. Noneho mwitegereze Ibyahishuwe igice cya 3, Igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya. Mubitekerezeho. Noneho mwitegereze. We, Eva, ni umwamikazi wa Satani. Murabona, Satani, inzoka, yasanze Eva mbere y'uko Adamu amumenya. Murabona? Ni ukuri. Rero, yaramushukashutse, mwaba mubona; rero, Satani, inzoka, yabaye umugabo wa Eva mbere y'uko Adamu amumenya. Murabona, yaramushukashutse. Bibiliya irabivuga, kandi aho ni ho yamenyeye ko yambaye ubusa. Murabona?

66 Noneho mwitegereze I-Igisekuru cy'Itorero cya Lawodikiya. We, Eva, aricaye, umwamikazi wa Satani. "Akungahaye ku by'isi; impumyi, yongeye kwambara ubusa, kandi nta byo azi", neza neza nko muri Edeni y'Imana. Ariko noneho, si uko Igitwikirizo Cyera gitwikiriye mu maso he, ah'ubwo igitwikirizo cy'irari. Dore ngo aravanamo Igitwikirizo Cyera cy'Imana, hanyuma akitwikiriza igitwikirizo cy'ubumenyi, ngo ararikire. Kandi noneho afite igitwikirizo cy'irari, kimuhuma, umutima utamucira urubanza. Yambaye "ubusa" mu muhanda, "kandi nta byo azi." Ni indaya mu muhanda. Abagore mu mabutura, mu maso y'Imana, ni indaya, "kandi nta byo bazi".

67 Mwitegereze, murebe abagore b'iwacu. Sawa, niba mushaka kumenya igihagararo cy'itorero, mwitegereze imyitwarire y'abagore. Ibihe byose ashushanya itorero. Muri Edeni ya Satani, y'icyaha no kutizera: icurika rya kinyedini, ubwami bucuramye. Aho guhitamo Ijambo ry'Imana, bahisemo ubumenyi bwa kinyamashuri bwa muntu. Aho guhitamo Itorero, bahisemo idini, kandi bariho barashyira byose munsi y'umutware w'ikirenga umwe rukumbi.

68 Noneho mwitegereze, ricuramye, rivuye ku miterere itagira icyo rishinjwa. Noneho, ibi bye kubacika. Itorero, hamwe n'iki gitwikirizo cy'irari, kuri ryo. Mwitegereze aho byarijyanye. Bya-byararicuritse, ryavuye ku miterere yo kutagira icyo rishinjwa rijya ku bumenyi. Murabona? Hamwe n'Igitwikirizo Cyera, nta cyo yashinjwaga; hamwe n'igitwikirizo cy'irari, ryahindutse rumenyi. Rizi ko ari byiza. Rizi icyo Bizana, murabona. Ni urubuto, igiti cy'agaciro gikangura ubwenge. Murabona? Ryaricuritse, riva mu kutagira icyo rishinjwa rijya mu bumenyi, riva mu kwera rijya mu kwandura no mu irari, kandi riva mu Bugingo rijya mu rupfu.

Ubu bwami bugomba gupfa. Ubu bwami bugiye gupfa! Imana y'Ijuru izabutsemba mu isi.

69 Mwitegereze, muri iri curama, dore ngo umugabo arahinduka umugore, na ho umugore agahinduka umugabo, "kandi nta byo bazi". Umusaruro uhagarariye cyane Edeni ya Satani, niba ureba, mu muhanda, none, abantu bacu bagezweho.

70 Mwitegereze, ni Eva Satani yakoresheje ngo agushe Adamu mu cyaha, binyuze mu bubasha bw'irari rye. Noneho, ni bimwe, arakora bimwe none. Mwitegereze, imisatsi yogoshe, amarange mu maso, imyenda idahisha isoni z'ubwambure, murabona, ibyo ni byo akora, atazi ko buri cyose muri ibyo gihabanye n'Ijambo ry'Imana. Gukata imisatsi bimwambura icyubahiro, indaya. Kwambara amabutura bimutesha agaciro. Kwambara amakanzu adahisha isoni z'ubwambure bimugira indaya. "Kandi nta byo azi", si ukubera ukwera kw'Imana, ni ukubera irari rya Satani. Yateye Adamu… Atera Adamu we kumurarikira.

71 Yiyambuye imyambaro Imana yari yamwambitse, hariya muri Edeni, ngo atangire urugendo muri… muri ubu butayu bw'ino. Yayivanyemo. Yariyambuye. Mu gihe Imana yari yabambitse impu; yatangiye kuyivanamo buhorobuhoro, noneho dore ngo arasubira uko yari ameze mu ntangiriro.

Noneho yateye Adamu we kwambara utwenda twe tw'imbere. Umugabo wakwambara akabutura ka kigore, maze akagasohokana, sintekereza ko hari icya kigabo wamushakiraho. Ni we uhebuje kuba cy'abakobwa abo nigeze kumenya bose. Murabona? Murabona, yateye Adamu we ucuramye kugenza nka we, murabona, yambara utwenda twe tw'imbere. Yabonye ibyo yashoboraga gukora hariya, avanamo imyenda ye yose uretse iy'imbere. Ni ibutura, nta gushidikanya, ni wo mwenda w'imbere wa kigore. Kandi, ubwo, ni Adamu we uwambara noneho. Kandi, dushingiye ku Ijambo rya mbere ry'Imana: "Ni ikizira ku mugore kwambara umwenda wa kigabo, no ku mugabo kwambara uwa kigore", dushingiye ku Ijambo rya mbere. Mubitekerezeho!

72 Noneho, nguwo n'imisatsi imugwa mu maso bya kigore. Ayigusha mu maso, agashyiramo ibigudi. Mu buzima bwanjye nta kintu nabonye gihebuje ibindi gutera iseseme nka cyo, kubona urwo rubyiruko, none, n'imisatsi ibagwa mu maso, itya, n'imisatsi iteye amarange, yarambuwe ibara ryayo hakoreshejwe ikinyabutabire cyitwa perogiside, bambura imisatsi yabo ibara, maze bakayizingira ku bigudi, kugira ngo bayigushe mu maso. Cy'abakobwa cyo mu rwego rwo hejuru! Biteye ubwoba kuvugira ibi ku gicaniro, ariko urubanza ruhera mu nzu y'Imana. Nta n'ubwo uzi niba uri umugabo cyangwa umugore. Kandi ubanza ingabo zacu z'Amerika zigiye kujya zambara amabutura. Ni byo. Murabona icurama? Ni umwambaro wa kigore; agusha imisatsi mu maso bya kigore.

73 Kiriya gihe nari muri Howard Johnson imwe; atari mu ya hano, ah'ubwo muri imwe ku muhanda werekeza hanze y'umurwa. Nakomeje kwicara aho, numiwe. Dore ngo ingimbi iraza, yasamye. Yari afite imisatsi y'umukara, hano, kandi yari yayizanye muri uru ruhande; kandi yari yashyizemo ibigudi, ngo ayizingazingire ku rwego rw'amaso ye; yagendaga araramye, n'ibyo ku maso, yatemberaga atyo. Nari ntarabona ugucurama kw'ako kageni! Murabona, we, ntiyabyemera. Wenda yashobora guhamya ko ari uw'igitsinagabo, ariko afite umwuka wa kigore. Ntazi uruhande rw'inzu aherereyemo. Ni byo. Mbega icurama!

Ni cyo Satani akora. Acurika amahanga. Acurika itorero. Acurika abantu. Ni umunyabinyoma, umucuritsi w'Ukuri kwa mbere.

Umugabo Imana yamugize umugabo. Umugore Imugira umugore. Yabambitse mu buryo bunyuranye, kandi icyo Yashakaga, kwari uko baguma batyo, kandi bagakora batyo; umwe ni gore, undi akaba gabo. Yasatuye Adamu muri Edeni, ni cyo Yakoze, Itandukanya Eva na Adamu.

74 Noneho afite imisatsi imugwa mu maso bya kigore; umugore akikemuza imisatsi bya kigabo, kandi umugabo, agerageza kwigana imisokoreze ya kigore. Murabona? Umugore agerageza kwambara imyenda yo hanze ya kigabo, na ho umugabo akarimbana umwenda w'imbere wa kigore. Nyamara, bigaragara nk'ibituka Imana, ariko simbuvuga ari cyo ngendereye. Ni Ukuri kudakuka k'Ubutumwa Bwiza. Niba utabizi, rero hari ikitagenda iwawe: wenda uri impumyi, cyangwa ntiwari wasohoka mu muhanda na rimwe. Uwo mugore atekereza, n'umugabo agatekereza ko ari nta cyo bitwaye, babyumvikanaho.

Abagore bavuga bati: "Mu by'ukuri, harashyushye cyane!" Abasaza b'Abahinde Apashe, hariya, bagukoza isoni. Uko hagenda harushaho gushyuha, ni ko barushaho kwambara, ngo birinde izuba; yoo, bibatera kubira ibyuya, kandi bityo bafite imikorere ibatera amafu, mu gihe baba bari mu nzira. Murabona? Baguma ku zuba.

75 Ntiwashobora kubyihanganira habe na busa; umubiri wawe wakuzura ubushye, washya. Ariko, murabona, ni cyo bita kwiga biruseho. Ni cyo ubumenyi bugezweho bwabyaye. Yoo, la la! Nguyu "wambaye ubusa", muri Lawodikiya, "kandi nta byo azi".

Yari yambaye ubusa muri Edeni. Mwaba mubona aho ubwo bwami bwombi busa? Bumwe ni ubw'icyaha n'urupfu; ubundi, ni Ubugingo no gukiranuka. Hariya, yari atwikirije Igitwikirizo Cyera. Bombi bari bambaye ubusa; nta byo bari bazi. Nta cyo bari babiziho, kuko bari batwikiriwe na Mwuka Wera.

Kandi hano, batwikiriwe n'irari, kandi bararebana ngo… Murabona, Adamu yashoboraga kureba Eva, kandi ntiyari azi ko Eva yari yambaye ubusa. Ariko ubu, hamwe n'icyo gitwikirizo cy'irari, umugore ntamenya ko yambaye ubusa, ah'ubwo abikora munsi y'ubwami bw'icyo gitwikirizo cy'irari, ngo abagabo bamurebe. Nta indi mpamvu ibitera uretse iyo. Ntimubyemera, ariko uko biri kose ni cyo mukora, hanyuma abagabo bakareba. Kandi aho aboneye ubugari bw'imbaraga zanyu zikurura, yatangiye ubwe kwambara imwe mu myenda yanyu.

76 Yoo, mbega icurama! Mbega igisekuru! Mbega igisekuru tu-… Mbega uburyo ari umushukanyi! Yoo, ibyo byose, "kandi nta byo bazi". Hari umwuka wacuramye byuzuye muri muntu. Umugabo atwikirijwe irari rya Satani, n'umugore ni uko. Ni umwuka wa Satani, uw'ishyirahamwe rikomeye. Murabona, nta byo bazi, ah'ubwo ni idini. Abagore bambara amabutura bagize idini. Abagabo bambara batyo bagize idini. Ngiye kubaha impine yabyo: B.S.S., Big Sister Society [Ishyirahamwe Rikomeye rya Bashiki bacu], rero, ni cyo babereye abanyamuryango. Bajya hariya, ishyirahamwe rya ba cy'abakobwa bakomeye, mu dupantaro tw'udufuti, tutagira uwo duhaye agaciro. Nda...

77 Bagabo, wenda ntimubyemeranyaho na njye, ariko ni Ukuri. Mwaracuramye, kandi nta byo muzi. Ntimukiri, ntimugikora nk'abagabo. Murabona, babaye ibinnyeteri; n'abahungu babo, wagira ngo nta cyo bazamara; abagabo n'abagore na bo. Bagize ishyirahamwe. Ni idini. Ibyo bishoboka bite? "Yohana, umuturanyi w'iruhande, yambaye amabutura, rero kuki njye bitashoboka? Louiselle yashakaga ko nyambara, kuko Yohana, umuturanyi w'iruhande yayambaye. Kandi, mu by'ukuri, niba-niba Suzie-Jeanne ashobora kuyambara, Marthe-Jeanne na we ashobora kuyambara, cyangwa Suzie-Lou", cyangwa iryo izina rye ryaba ryo ryose, murabona, ni ishyirahamwe. Ni idini. Uri urugingo rwabyo mu buryo bw'umwuka, kandi ukaba utabizi.

78 Kandi niba ari ibyo, kandi turabibona, ni ibyo, rero mwarahumywe. Mwarahumywe imbere y'ayo madini Satani yabinjirishijemo ubucakura bwe. Ni icurika ry'Ijambo rya mbere ry'Imana, n'iry'Ubwami Bwayo, n'iry'Umugambi Wayo ku bana Bayo. Ni Satani wacuritse abagabo n'abagore, abaroha muri ibyo bintu, kandi bakaba batabizi. Ucuramye!

Si umwana w'Imana! Imisatsi imugwa mu maso, mu ibutura, atemera atyo mu muhanda; umwana w'Imana, umudiyakoni mu rusengero, umushumba ku gicaniro? Oya, si umwana w'Imana. Ntiyigeze anyura mu Kayunguruzo k'ibitekerezo by'Imana. Ntiyajyaga kwambara iyo myenda ya kigore; habe na busa; kandi we, umugore, ntiyajyaga na we kwambara imyenda ya kigabo na busa. Murabona, si umwana w'Imana. Ni umwana wa Satani, n'umukobwa wa Satani. Bikakaye kuvuga!

79 Satani yashoboye gucurika no kwigarurira iyi si, ayigira ubwami bwe; abantu bashyizwe hano, n'amahitamo, abashoboza kwihitiramo uburyo bw'ubuzima bashakaga kubaho. Ni uko dushobora kubona ikiri mu mutima wawe. Murabona? Ijwi ryawe… Waba uzi ikintu kimwe? Ibikorwa byawe bivuga cyane ku buryo biniga ijwi ryawe.

Niba ngiye kureba umuntu, maze akavuga ati: "Yoo, nda-… twese turi abakristo. Turi abagize urusengero." N'amafoto y'abagore bambaye ubusa amanitse hose mu biro? Ibyo yambwira byose, namenya aho mpagarara; na we.

Umugore uvuga ko ari umukristokazi, mu gihe akemura imisatsi? Oya-oya. Uzi neza ko atari byo,

murabona. Yego mugabo. Yiyita umukristokazi, mu gihe yisiga amarange, akambara amabutura; maze yarangiza akiyita umukristokazi? Uzi ko yiyita icyo atari. Ijambo ry'Imana rikwigisha ko atari ukuri. Ijambo ry'Imana rivuga ko adashobora kuba umukristokazi, ngo abe yakora ibyo. Ateye isoni, n'ibindi. Mbese Imana hari igiteye isoni yashyira mu Bwami Bwayo? Ntibikabeho, mugabo. Oya mugabo. Bagaragaza ubwabo icyifuzo kiri muri bo.

80 Ntushobora gusangiza inuma n'inkongoro, ntibikabeho. Inuma ntigira indurwe. Ntishobora kurya inyama zaboze. Iramutse itamiyeho rimwe gusa, byayica, kandi irabizi. Ariko inkongoro, ishobora kurya ibyo ishatse byose. Indurwe, iyikizeho.

Kandi, rero, murabona, tubona ko ari bimwe mu isi ya none, ni bimwe. "Bambaye ubusa, impumyi, kandi nta byo bazi."

81 Satani yabigezeho, yitwaje irari ry'umugore, washakaga ubumenyi, igitsina, maze agira ayo mahitamo, ku bwende. Noneho mwitegereze, ni Eva washoye Adamu mu kibi, kandi ni umugore wavanyemo imyenda ye, mbere y'uko Adamu we avanamo iye. Murabona? Ni umugore, ibihe byose. Ni ko byahoze. Ni ko bikimeze.

Ni idini ritesha umugabo inzira nziza. Ni idini, murabona, riyobya umugabo ushaka kuba umwana w'Imana. Ni umugore, itorero. Si Bibiliya, kuko Bibiliya, ni umugabo. Yoo yego, "Jambo yiyambitse umubiri wa kimuntu", kandi Yari Umugabo. Murabona? Bibiliya, ni umugabo; itorero, ni umugore. Murabona? Si itorero… Si Bibiliya itesha umugabo inzira nziza. Ni ukubera itorero yisanze yambaye ubusa, si ukubera Bibiliya. Murabona? Murabona? Habe na busa. Bibiliya imubwira ko yambaye ubusa. Yego mugabo.

Noneho mwitegereze uburyo: binyuze ku gitsina, icyifuzo cy'ubusambanyi, yari afite inyota yo kumenya, yo kumeya ibyo ari byo, n'uburyo, niba uru rubuto rwari ruryoshye cyangwa rutaryoshye. Kandi ni cyo yakoze.

82 Ariko igihe kimwe Imana izabyisubiza, binyuze mu Mugabo. Byatanzwe n'umugore, ariko byacunguwe n'Umugabo: Umugabo, Yesu Kristo, ari na We Jambo.

Kandi rero, ni iki kizahaba? Mwitegereze, dusoza. Nta gihe gishize, hano, navuze ibi. Nshigaje impapuro enye cyangwa eshanu, buriya, ariko nda-… imirongo y'Ibyanditswe, n'ibindi, nashakaga kwifashisha. Ariko, mutege amatwi. Dusoze tuvuga ibi.

83 Mwibuke, hano, nta gihe gishize, nabazaniye inyigisho ku Mpanda Ndwi, n'ibindi. Kandi navuze nti: "Hari ibirori by'umunsi wa munani." Rero, umunsi wa munani, wajyaga kuba uwa nyuma, wajyaga kuba Ingoma y'imyaka igihumbi. Ariko hari ibirori by'umunsi wa munani; kandi niba wari umunsi wa munani, kandi hakaba habaho iminsi irindwi gusa, twakongera kwisanga ku munsi wa mbere. Rero, ku musozo w'Ingoma y'imyaka igihumbi, rero hazongera kubaho ya Edeni. Ingoma ikomeye y'Imana izaba yagarutse. Mu by'ukuri, Yesu yarwanije Satani kugeza ku munota wa nyuma, mu gashyamba ka Getsemani, maze Asubirana Edeni; ni cyo Yagiye gutegura, mu Ijuru, ngo Azagaruke, ejuru iriya mu Ijuru. Yavuze ati: "Mwe guhagarika imitima."

84 Ubwo Yari akiri mu isi, Yavuze ati: "Mwebwe-mwebwe, Abayuda, mwizeye Imana. Ni byiza, Nzi ko Nzwi nabi", ni ko Yavuze. "Kandi banyita iki, icyo n'ikindi. Ariko mwizeye Imana." Yari Imana igaragaye. Murabona? "Na mwe mwizere…"

85 "Mu rugo kwa Data, hari amazu…" Cyangwa: "Mu mugambi wa Data, mu mishinga ya Data, hari ingoro nyinshi. Ngiye gutegura umwanya." Murebe ubuso bwaho: 3885 km2! Baza aho ari ho. Yagiye kuhategura. Ni Umuremyi. Irema iyo zahabu yose. Imihanda irabonerana. Ni Umuremyi. Irategura umwanya. Mu Byahishuwe 21, Yohana yavuze ati: "Kandi njye, Yohana, nabonye Ururembo Rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mu Ijuru ku Mana."

"Inyanja nta yari ikiriho; ijuru rya kera n'isi ya kera, nta byari bikiriho." Amajuru yacu ya mbere, byari iki? Yari Ingoma y'imyaka igihumbi. Isi ya mbere, yari iki? Yari iyi. Izavugururwa. Nk'uko yabatijwe na Nowa, mu bihe by'ibwiriza rye; yejejwe na Kristo, wayimennyeho Amaraso Ye; kandi izagirwa nshya, ikuwemo imize yose n'ibindi byose, igihe cy'ivugurura, ku iherezo, binyuze mu mubatizo w'Umuriro, uzica umuze wose, indwara yose, umwanda wose wigeze kubaho mu isi.

86 Izahinguka, Isi Nshya izatunguka. "Maze mbona Ijuru rishya n'Isi Nshya. Ijuru rya mbere n'isi ya mbere, ntibyari bikiriho; kandi n'inyanja nta yari ikiriho. Kandi njye, Yohana, mbona Umurwa Wera Yerusalemu Nshya imanuka iva ku Mana." Icyo gihe Imana izaba iri kumwe n'Ingingo Zayo Nyakuri, Abahungu n'Abakobwa Bayo, aho Izashobora gusabana na bo, mu kwera, amaso yabo ahumywe ku cyaha cyose. Uhereye icyo gihe, nta cyaha kizongera kubaho ukundi.

Tubitwaranire; mwe gushukwa, muri iki gihe, ah'ubwo "Mugire umwete wo kwinjira mu irembo". "Kuko abazahera hanze bose ari abasambayi n'abahehesi." "Ureba umugore akamwifuza, aba yamaze kumusambanya." Hanze hazahera abagore b'indaya n'abagabo b'abasambanyi, n'abandi. Kandi

abacunguwe kandi bakaba bari mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama ni bo bonyine bazanyura mu Iremo. Rero, mugire umwete, ncuti zanjye; mwe gushukwa, muri iki gihe cya nyuma.

87 Ni igihe cyo gukomera. Bose bafite amafaranga. Bose bashobora gukora iki, kandi bose bashobora gukora kiriya, kandi amafaranga aturuka hose, n'imodoka nini, n'ibindi. Nta n'imwe izaboneka muri uriya Murwa. Nta modoka n'imwe izahaboneka, nta ndege n'imwe. Ashwi. Rizaba ari iterambere ritandukanye rwose. Rizaba ryongeye kuba iterambere, atari iry'ubumenyi, atari iry'ubushakashatsi, iry'ahatagira icyaha no kwizera Imana nzima.

Tugire umwete wo kuhinjira. Mu by'ukuri, ni yo ntego yanjye yonyine, ni ukwinjira igihe kimwe muri uwo Murwa; no, guhindukira, byonyine, nkabona muzana na njye, buri wese muri mwe, ku karasisi, mu gihe tuzaba turirimba "Ubwo abera bazinjira". Ndashaka kuzaba ndi muri bo, ubwo abera bazinjira.

Dusenge.

88 Dawe uri mu Ijuru dukunda, nk'uko ibihe bigeze ku iherezo, kandi tukaba tubona ko biri bugufi, ko isezerano rigiye gusohora. Tugusabye, Mana dukunda, ngo Ubiharature ku mitima yacu, kugira ngo tutibeshya na busa. Mana dukunda, rindira imitimanama mu kwera. Komeza gutwikira imitima yacu, Mwami, amaso yacu atwikirwe ku by'isi, no ku by'imburamumaro by'isi, no ku ikuzo ry'imburamumaro dukura mu kuba umuntu ukomeye.

Uko baba bakomeye kose, abami bose, abanyabubasha bose, n'abandi, bagomba kurimbuka, kandi ntibazazuka mu izuka rya mbere. Mu by'ukuri, handitswe ngo: "Arahirwa kandi ni uwera uzazuka mu izuka rya mbere, urupfu rwa kabiri nta bubasha rumufiteho." Yoo Mana! "Urupfu rwa kabiri", urupfu rwo mu buryo bw'umwuka, "nta bubasha rufite"; yaracunguwe!

89 Yoo Mana, gutekereza ko igihe kimwe, hari uzajya gusura undi, maze akazamurirwa mu ruzinduko. "Mu babiri bazaba bari mu buriri, Nzatwara umwe maze Ndeke undi. Mu babiri bazaba bari mu murima, Nzatwara umwe, maze Ndeke undi."

Yoo Mana, dufashe ngo tube abera imbere yawe, Mwami, icyo abantu bashobora kudutekerezaho cyose, icyo abandi bashobora kuvuga cyose. Mwami, ibiganiro byacu bibe ibyera. Bibe byongewemo ikirungo cy'Ijambo ry'Imana, Mwami, he kugira uburiganya buba muri twe. Mu gihe turi mu rubanza, tubujijwe amahoro n'ibyaha byacu, Amaraso ya Yesu Kristo abe mu cyuho hagati yacu n'Imana, Iturebere mu Maraso ya Yesu; atari ku bwo gukiranuka kwacu bwite, habe no ku bw'abo turi bo, habe no ku bw'ibyo twakoze, ah'ubwo byonyine ku bw'Ibyo Yakoze We Ubwe. Yoo Mana, biduhe!

90 He kugira n'umwe mu bicaye hano muri uyu mugoroba kandi bumvise Ubutumwa, he kuzagira n'umwe urimbuka, uhereye ku mwana uhebuje abandi kuba muto, ukageza ku muntu uhebuje abandi ubusaza. Ukwifuza kwabo kwera guherere ku Mana no ku Ijambo Ryayo gusa. Ntituzi igihe Yashobora kuziraho, cyangwa igihe Yashobora kuduhamagariraho ngo tujye kwisobanuriraho, ejuru iriya, mu Rubanza. Ntituzi igihe Yakurira ikarita yacu mu y'abazima, ngo Avuge ati: "Igihe ni iki cyo gutaha. Ugomba kugenda." Yoo Mana, dufashe tube abera. Bidukorere, Mwami.

Tubashe kubaho kugeza igihe Umwami azazira, niba bishoboka. Tubashe gukora uko dushoboye kose, mu rukundo, no gusobanukirwa, dusobanukirwa ko Imana ishaka hose mu isi, none, ngo Ibone intama zazimiye zose. Tubashe kubonera abo bantu amagambo arungishijwe amasengesho, urukundo n'Ijambo ry'Imana, kugira ngo tubashe kubona iyo ntama ya nyuma, kugira ngo tubashe gutaha i Muhira, no gusiga iyi Edeni ishaje ya Satani hano hasi, Mwami.

91 Iyi yose yubatse ku irari, no ku bagore beza, nk'uko isi ibita, n'ukwamamaza bakora hariya: "Turamamaza, muze, dukeneye abasore bisize comfitire mu maso, n'abakobwa beza mu mabutura", uburo buhuye muri radiyo na televiziyo; n'umwanda w'uburyo bwose, no kwisiga amarange, na Hollywood; n'amakanzu adahisha isoni z'ubwambure, yanduye, ateye iseseme, ku bagore. N'abagabo bicurikisha, bayoboka imyambarire ya kigore, bagatereka imisatsi bya kigore; n'abagore bakiyogoshesha imisatsi nk'abagabo.

Yoo Mana, mbega igihe giteye ubwoba turimo! Yoo, ngo ino, Mwami Yesu, ngo ino! Ngo ino, Mwami! Twereshe Amaraso. Igiza kure yacu umwanda wose n'uburiganya bwose. Tube, Mwami, tube munsi y'Amaraso, buri gihe, imbere Yawe. Ni cyo cyifuzo cy'imitima yacu, n'isengesho ryacu ry'irinyakuri.

92 Mana dukunda, ndabona… cyangwa izi, ku gicaniro, muri uyu mugoroba, aho Ubutumwa Bwiza buvugirwa. Mwami, udutambaro n'ibipfunyika byagenewe abarwayi n'abaremerewe byashyizwe hano. Isengesho ryo kwizera, Mwami, ridudubize riva mu mitima yacu noneho, imbere Yawe. Kandi, Mwami, niba hari umwanda na muke uri mu mitima yacu, Mwami, fata… tujyane mu rubanza none aha; twambaje impuhwe Zawe. Twereke aho dukora nabi, Mwami, kugira ngo tubashe gusaba, ngo Amaraso akoreshwe mu kutweza. Kiza aba bantu barwaye, maze basubirane, Dawe, aho ari ho hose, aho bajya hose. Bibe bityo, Dawe.

93 Duhe kugukorera tumaramaje, Wowe kandi Wowe Wenyine. Bidukorere, Mwami.

Ha urugendo rw'umutekano usesuye aba bantu b'agaciro bagiye gutaha iwabo.

Ngushimiye gukiza abantu. Agahungu ka mushiki wacu Shepherd, kagushijwe n'igare, nsenze ngo ke kugira ingaruka zikomeye; ako gahungu katwaraga igare, nsabye ngo byose bikagendekere neza. Tugushimiye gukira kw'abo bantu bandi bose, twagusabye. "Kandi tuzi ko icyo tugusabye cyose, tugihabwa, kuko dufitiye icyizere Uwatanze isezerano." Duhe ubuntu Bwawe, Mwami, kandi Utubabarire ibyaha byacu, tubisabye mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

94 Muramukunda? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Muramwizera? ["Amina."-U.I.] Mwaba mubifite hejuru y'ubwami bwa Satani? ["Amina."] Mwaba mwizera ko aho bukera ari Ingoma y'imyaka igihumbi, Ingoma y'imyaka igihumbi Ye; Iye, Edeni Ye Bwite? ["Amina."] Mwizera ko iriho ifata ishusho, none? Murebe, byose bishingiye ku ruhande rwa kinyamashuri; byose, byose bigomba guhamirizwa n'ubushakashatsi mbere y'uko byizerwa n'abantu. Kandi ntushobora guhamya Imana unyuze mu bushakashatsi. Ugomba kuyakira unyuze mu kwizera. "Kuko uyegera wese akwiye kwizera ko Iriho kandi Ikaba igororera abayishaka." Mana, nta kindi nshaka kumenya uretse Amaraso ya Yesu Kristo, anyezaho icyaha. Nta cyo nzi, uretse Yesu Kristo. Nk'uko Pawulo yabivuze kera, na njye ndabivuze, muri uyu mugoroba: "Nta cyo nzi, muri mwe, uretse Yesu Kristo, kandi Yesu Kristo wabambwe."

95 Nta kindi nababwira. Ni uko iyi Bibiliya, nizera n'umutima wanjye wose (niba nzi umutima wanjye neza) ko ari Ijambo ry'Imana, ritunganye kandi ritavangiye. Ni Ryo rimbeshejeho. Ni Ryo nagize urufatiro rwanjye. Iyo njya kugira ubuzima ibihumbi cumi, nakwifuje kwegurira iri Jambo buri gihe, kuko ari Ijambo rya Yesu Kristo. Bazagerageza kwerekana ko atari iby'ukuri, ubushakashatsi buzavuga ko tudashobora kubyiringira, n'ibindi; ku bwanjye, ni cyo Kintu kimwe rukumbi mu isi nshobora kwingira, ni iri Jambo. Ni Uwanjye. Ndamukunda. Wowe se?

96 Niba hari icyaha mu mutima wawe, niba hari ikosa mu mutima wawe, niba hari icyo ufite icyo ari cyo cyose, senga noneho maze usabe Imana kukubabarira. Nsengera; na njye ndagusengera. Imana iguhe umugisha, ni ryo sengesho ryanjye.

Kugeza igihe tuzahurira! Kugeza igihe tuzahurira!

Imana ibane na we, kugeza igihe tuzongera guhurira!

Mwaba mukundana hagati yanyu? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Yohana yavuze ati: "Bana bato, mukundane hagati yanyu, kuko urukundo rutwikira ibyaha byinshi." Noneho dufatane mu biganza.

Imana ibane na mwe, kugeza igihe tuzongera guhurira!

Kugeza igihe tuzahurira! Kugeza igihe tuzahurira!

Noneho, mubere beza abandi. Mubere beza bose. Mubanire abandi neza. Mubeho muzira ikizinga, kugeza igihe nzazira.

…birenge;

Kugeza igihe tuzahurira!

Imana ibane na mwe, kugeza igihe tuzongera guhurira!

97 Mwaba mumukunda? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.] Ni ryo sengesho ryanjye. Munsengere; na njye ndabasengera. Ngomba noneho gutaha i Tucson. Kandi-kandi ndasaba Imana ngo Ibahe umugisha mwese. Nzava aho, nerekeza muri Canada, hanyuma nzagaruke muri Colorado; bityo, bityo, mva hamwe njya ahandi, murabona. Kugeza igihe… Mwene Data Tony ari hariya, kandi ikintu kidasanzwe cyaje kuba. Iruhande rwa Vatikani neza neza, i Roma, barashaka ububyutse, urwunge rw'ibiterane, nzajye hariya mpajyanye ububyutse, i Roma, i Roma. Yari agarutse avuyeyo. Abantu bari bateraniye hamwe. Hari ikibuga kinini hariya, ibihumbi n'ibihumbi by'imyanya yicarwamo, kandi barashaka ko njyanayo ububyutse. Barashaka kubona Ubwiza bw'Uwiteka mu murimo. Nta byo nzi. Ngomba kubisengera, ngo ndebe icyo Uwiteka azambwira. Mbega byiza! Mwibuke, dusenge, twese hamwe. Dukora…

Dutegereje Ukuza k'Umukiza ushimwa,

Dore, ibibabi by'umutini biratoshye noneho.

Ubutumwa Bwiza bw'Ubwami Bwe bwageze kuri buri shyanga;

Kandi twegereye imperuka, dushobora kubibona.

Si byo? [Iteraniro riti: "Amina."-U.I.]

Rero, tunezerewe, tugiye kogeza Ubutumwa bwo kuza Kwe gushimwa,

Bidatinze Agiye kugaruka mu Bwiza, tubibwire buri wese ndetse na bose.

Rero, nimukanguke, bera b'Uwiteka,

Kuki twasinzira mu gihe imperuka yegereje,

Twitegurire iryo hamagara rya nyuma.

98 Buzagaruka buvuye i Burengerazuba, maze bukomeze urugendo, muri iyi minsi, muzabyibuke. Nta kabuza. Ni ukuri. Hagati aho:

Ambara Izina rya Yesu,

Wowe mwana w'agahinda;

Azakuronkera umunezero,

Ryitwaze aho ujya hose.

Zina ry'agaciro (Zina ry'agaciro), Zina ryiza!

Byiringiro by'isi, munezero w'Ijuru;

Zina ry'agaciro, Zina ryiza! (ryiza!)

Byiringiro by'isi, munezero w'Ijuru.

Twunamye mu Izina rya Yesu,

Twubamye ku birenge Bye,

Mu Ijuru tuzamwimika nk'Umwami w'abami,

Urugendo rwacu rugeze ku musozo.

Zina ry'agaciro, Zina ryiza!

Byiringiro by'isi, munezero w'Ijuru;

Zina ry'agaciro, Zina ryiza!

Byiringiro by'isi, munezero w'Ijuru.

Noneho, igitero cya nyuma, tukiririmbe n'imitima iciye bugufi, noneho.

Amabara Izina rya Yesu,

Nk'ingabo y'umutamenwa;

99 Kandi ibishuko ni biza (ibyo mu bwami bwa Satani, murabona, murabona),

Vugira mu matamatama iryo Zina Ryera usenga byonyine.

Nta kindi; hanyuma, wigendere. Biragenda. Narabigerageje. Noneho uryizere, byonyine, kuko biri bugende. Muvugire iryo Zina Ryera mu matamatama musenga byonyine.

…Izina rya Yesu,

Nk'ingabo y'umutamenwa;

Kandi ibishuko ni biza,

(Wakora iki, rero?)

Vugira mu matamatama iryo Zina Ryera usenga byonyine.

(Igitwikirizo kizatwikira mu maso hawe rero.)

Zina ry'agaciro

(Zina ry'agaciro),

Zina ryiza!

Byiringiro by'isi, munezero w'Ijuru;

Zina ry'agaciro,

Zina ryiza!

Byiringiro by'isi, munezero w'Ijuru.

Noneho twubike imitwe, mu gihe nsaba Mwene Data Beeler, uri inyuma, kuza ku gicaniro.

100 Noneho, mu gihe tucyubitse imitwe, n'imitima ikaba iciye bugufi. Mwene Data Beeler, umwe mu bashumba dufatanije umurimo hano, Mwene Data Estle Beeler, Mwene Data w'umukristo mwiza cyane, umugabo w'umunyakuri. Ngiye kumusaba kuza gusoza amateraniro, muri uyu mugoroba, n'isengesho. Imana iguhe umugisha, Mwene Data Beeler.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7